UMUNSI WAHARIWE ABAPFAKAZI MU MWAKA W'UKWEMERA MURI DIYOSEZE YA NYUNDO

Ku itariki ya 21 Ukwakira 2012, Papa Benedigito wa XVI yatangije umwaka w'ukwemera uzasozwa ku itariki ya 24 Ugushyingo 2013. Mu ibaruwa yise « Irembo ry'Ukwemera » itangiza uwo mwaka, atubwira intego yawo muri aya magambo : « Turifuza ko uyu mwaka ubyutsa muri buri wese mu bemera inyota yo guhamya ukwemera mu buryo bwuzuye kandi nta gushidikanya bibaho, abigiranye ukwiringira n'ukwizera.Byongeye kandi uyu mwaka uzaba umwanya mwiza wo kurushaho guhimbaza ukwemera muri Liturujiya, cyane cyane mu gitambo cy'Ukaristiya cyo *ndunduro y'igikorwa cya kiliziya, kikaba n'isoko y'imbaraga zayo.* Turashaka kandi ko ubuhamya bw'ubuzima bw'abemera bwarushaho kwizerwa. Gusubira ku isoko y'amahame y'ukwemera twamamaza, duhimbaza, kandi kuyobora imibereho n'isengesho ryacu, no gutekereza ku gikorwa cyo kwemera ubwacyo ni inshingano buri wese mu bemera agomba kugira iye, cyane cyane muri uyu mwaka w'ukwemera » (N^{o} 9)

Ni muri urwo rwego muri Diyoseze yacu ya Nyundo, muri uyu mwaka w'ukwemera, uretse amahugurwa n' inyigisho byagiye bitangwa mu miryango remezo, mu miryango ya Agisiyo Gatolika, mu mahuriro no mu matsinda anyuranye y'abakristu, hagiye haba n' imihimbazo ifasha ibyiciro byihariye mu kuzirikana ku mwaka w'ukwemera. Ku munsi mukuru w'urugo rutagatifu rw'i Nazareti habaye umuhimbazo wibutsaga ko umuryango ari irerero ry'ukwemera, ku munsi w'iyogezabutumwa ry'abana habaye umuhimbazo wihariye ku matsinda y'abana mu miryango remezo, ku munsi w'Abalayiki habaye umunsi w'imiryango ya Agisiyo gatolika n'amakoraniro y'abasenga. Muri uko kwezi habaye umunsi abapadiri bo mu Rwanda bakozeho urugendo nyobokamana i Kibeho. Habayeho kandi umunsi w'urubyiruko aho rwakoze urugendo nyobokamana i Kongo-Nil. Abageze mu za bukuru nabo ntibatanzwe mu guhimbaza uyu mwaka w'ukwemera bakora urugendo nyobokamana i Kongo-Nil. Abakateshiste muri uyu mwaka w'ukwemera nabo bagenewe umunsi w'umwihariko nk'abafasha ba hafi b'abapadiri mu gutegura abahabwa

amasakramentu. Ku itariki ya 19/10/2013 habaye kandi umunsi w'abapfakazi muri diyoseze ya Nyundo ari nawo iyi nyandiko igiye kuvugaho.

Uwo munsi wahuje abapfakazi bo muri diyoseze ya Nyundo wabaye umunsi w'ibirori no kwibutswa ko bafite uruhare runini mu iyogezabutumwa rya Kiliziya. Ahereye ku masomo ya Misa yajyanaga n'uwo munsi (2 Bami 4, 1-7 ; 1Tim 5, 3-16 ; Lk 18, 1-8), umushumba wa Diyoseze ya Nyundo, Musenyeri Alexis Habiyambere yabwiye abapfakazi ko Imana itari kure yabo kuko yumva isengesho bavuga batakamba bafite ukwemera bahuje n'ubuzima barimo. Yatanze ingero z'abapfakazi baratwa n'ibitabo bitagatifu bitewe n'uko bitwaye neza mu bupfakazi bwabo. Yabibukije ko ikibazo cy'abapfakazi cyitaweho kuva mu ntangiriro za kiliziya ibyo bikaba byaratumye Diyoseze ya Nyundo, ihereye ku bibazo by'umwihariko abapfakazi muri diyoseze ya Nyundo bari bafite nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi na nyuma y'intambara y'abacengezi, yatangije amahuriro y'abapfakazi muri buri Paruwasi. Icyari kigamijwe ni ukurwanya umuco mubi wari utangiye gukwira aho bamwe bumvaga ko bagomba gusangira abagabo bakeya basigaye bitaba ibyo umugabo akicwa (Tumusangire cyangwa tumuhombe). Yabasabye kutiheba ngo biyandarike kuko bibasuzuguza. Yabasabye kwakira uwo musaraba n'ubwo bitoroshye ariko birashoboka gusimbuka imitego myinshi bategwa n'abashobora kubafatirana n'ibibazo by'imibereho bafite. Yababwiye ko ukwemera kujyanye n'isengesho ari byo bizabafasha guhangana n'ibibazo barimo. Yabasabye gufatira urugero ku mubyeyi Bikira Mariya no guhora bamwiyambaza. Uwapfakaye ntagomba kwibagirwa uwe witabye Imana kuko baba barasangiye byose, ibyo byabafasha kugira ngo bakomeze kubaho mu budahemuka no mu kwiyubaha. Umushumba wa diyoseze ya nyundo yashoje inyugisho ye yibutsa abapfakazi ko bafite umwanya muri kiliziya, ko bagomba gukomeza kuba abakristu batiyandarika, bihesha icyubahiro.

Mu ijambo ry'uhagarariye ihuriro ry'abapfakazi mu rwego rwa diyoseze, yavuze ko muri uyu mwaka w'ukwemera, abapfakazi bishimiye umunsi wabahariwe kuko ubafasha kuzirikana aho bavuye, aho bageze n'aho bagana. Yashimiye umushumba wa Diyoseze ya Nyundo watangije amahuriro y'abapfakazi mu 1999 amaze kubona ko abapfakazi bari bamaze kuba benshi ku buryo budasanzwe ibyo bikaba byari byatumye n'ibibazo bibabana byinshi ku buryo budasanzwe, bamwe

bishora mu ngeso mbi zituma batandukira ubukristu. Intego z'amahuriro y'abapfakazi zari izi zikurikira :

- Kwakira abapfakazi bosemu ihuriro hatitawe ku cyabapfakaje
- Gukomera ku kwemera
- Kuvanana mu bwigunge

Yavuze ko bamaze kugera kuri byinshi harimo kwiyakira uko bari, barwanyije « tumusangire cyangwa tumuhombe », barwanyije imwe mu migenzo gakondo itari itunganye nko kuvuga ngo « umugore ni uw'umuryango », barwanyije icyorezo cya Sida binyuze mu kwifata, baharanira kwigira no kwihesha agaciro, bagaragara mu bikorwa bya Kiliziya n'ibya Leta. Uhagarariye abapfakazi yasoje ijambo rye ashimira Padiri aumônier mu rwego rwa Diyoseze Laurent Ngendahayo wakomeje kubaba hafi anasaba abapadiri bose mu maparuwasi ko bakomeza gushyigikira amahuriro y'abapfakazi kugira ngo bakomeze gushyigikirana bakomere mu kwemera kandi biteze imbere.

Umunsi wasojwe n'ubusabane.

Padiri Bernard KANAYOGE